**IMYANZURO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE YA RALGA YATERANYE KU WA 30 UKUBOZA 2006 MURI LA PALISSE CLUB -NYANDUNGU**

Kuwa 30 Ukuboza 2006, mu cyumba cy'inama cya « la Palisse Club » i Nyandungu ho mu Mujyi wa Kigali hateraniye inama y'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA).
Iyi nama yitabiriwe n'abantu b'ingeri zitandukanye barimo :

- Intumwa zavuye mu Turere n'Umujyi wa Kigali arizo : Abahagarariye Biro za Njyanama, Abahagarariye Komite Nyobozi, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere n'Umujyi wa Kigali ndetse n'Abahagarariye biro za Njyanama z'imirenge muri buri Karere ;
- Abanyamuryango b'icyubahiro ba RALGA
- Abaterankunga ;
- Abadepite ;
- N'abandi.

## 1. IJAMBO RYA PEREZIDA WA RALGA

Mu ijambo rye ry'ikaze, Perezida wa RALGA, Dr Aisa KIRABO KACYIRA yashimiye buri wese kuba yitabiriye ubutumire. By'umwihariko yashimiye Nyakubahwa Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage ku buryo bakomeza gufasha RALGA.
Yavuze ko iyi nama y'Inteko Rusange igamije kugaragariza abanyamuryango mu ncamake ibyo RALGA yagezeho mu mwaka wa 2006 ishingiye ku nshingano abanyamuryango bayo bayihaye.

## 2. IJAMBO RYA MINISITIRI W'IMARI N'IGENAMIGAMBI

Mu ijambo rye rifungura inama ku mugaragaro, Bwana MUSONI James, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi akaba n'umunyamuryango w'icyubahiro wa RALGA, yibukije ko mu bishimishije byagezweho ku rwego rw'igihugu ibyinshi byashobotse kubera uruhare rw'inzego z'ibanze. Bikaba aribyo gushima kuba abahagarariye inzego z'ibanze bagira akanya ko kwicara hamwe kugira ngo barebe uburyo bwo kunoza imikorere.
Yashimye uburyo imihigo yakozwe, ariko avuga ko hatagaragayemo ingingo yerekana ingaruka ( outcome) imihigo izagira mu kurwanya ubukene. Niyo mpamvu yabasabye kwita ku bintu bikurikira :

- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana uko ubukene bugenda bugabanuka mu Turere.

- Guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda, hitabwa cyane cyane ku bijyanye n'agaciro (quality-qualité) y'ibigezwa ku baturage.
- Kwita ku kibazo cyo kwihaza mu biribwa (food security –securité alimentaire)
- Kwita ku kibazo kijyanye n'ubwiyongere bw'abaturage
- Guteza imbere imirimo iha abaturage akazi batagarukiye ku buhinzi gusa.

Yarangije yibutsa ko inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta zikeneye inama zabo mu gutunganya neza imikorere y'Igihugu muri rusange.

3. **INGINGO ZAGANIRIWEHO**

1. Kuganira ku nyandikomvugo y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yateranye ku wa 6-7 Gicurasi 2006.
2. Kumurikirwa raporo y'ibyakozwe mu mwaka wa 2006
3. Kumurikirwa raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2006
4. Kumurikirwa raporo ya Komite Ngenzuzi.
5. Gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2007
6. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari y'imali y'umwaka wa 2007
7. Kuganira ku bibazo bibangamiye imikorere n'imikoranire y'abanyamuryango ba RALGA.

Bamaze kuganira no kungurana ibitekerezo ingingo ku yindi, abari mu nama bafashe imyanzuro ikurikira :

I. **Inyandiko mvugo y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yo ku wa 6-7 Gicurasi 2006 :** Inteko Rusange yemeje inyandiko mvugo y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yo ku wa 6-7 Gicurasi 2006 imaze kuyikosora no kuyikorera ubugororangingo.

II. **Raporo y'ibikorwa bya RALGA mu mwaka wa 2006** :
Inteko Rusange yishimiye kandi yemeza raporo y'ibikorwa byakozwe na RALGA mu mwaka wa 2006,

III. **Raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2006** : Nyuma yo kumurikirwa raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2006 no kumva ibisobanuro bihagije bijyanye nayo, Inteko Rusange yarayemeje.

IV. **Raporo ya Komite Ngenzuzi :** Inteko Rusange yemeje raporo ya Komite Ngenzuzi imaze kungurana ibitekerezo no kuyikorera ubugororangingo.

V. **Gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2007** : Abari mu nama bamaze kugezwaho no gusobanurirwa gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2007, barayemeje ariko basaba ko muri gahunda ya RALGA y'umwaka wa 2007 hiyongeramo ibikorwa bikurikira :

- Gufasha Uturere guteza imbere umuco wo kuzigama,
- Gushyiraho « database » igaragaza imiterere y'iterambere mu Turere,

- Gufasha Uturere n'Umujyi wa Kigali kugira ingamba zo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga (Monitoring and evaluation - Suivi et évaluation)
- Gufatanya na MINAGRI mu guhugura Uturere ku bijyanye na « food security- sécurité alimentaire »,
- Guhugura Uturere ku bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka

VI. **Ingengo y'imari y'umwaka wa 2007 :** Inteko Rusange ya RALGA yemeje ingengo y'imari y'umwaka wa 2007 ingana n'amafaranga 638,873,120 Frw. Aya mafaranga akaba akubiyemo 197,209,952 Frw azakoreshwa mu kazi gasanzwe k'Ubunyamabanga Bukuru, na 441,663,168 Frw azakoreshwa muri Porogaramu zitandukanye.

VII. **Ibibazo bibangamiye imikorere Uturere n'Umujyi wa Kigali** : Bamaze kungurana ibitekerezo ku bibazo bibangamiye imikorere y'Uturere n'Umujyi wa Kigali, abari mu nama bafashe ibyemezo bikurikira :

1) RALGA izakora ubuvugizi kugira ngo Radio z'abaturage zigere mu Turere twose
2) RALGA igiye gufasha Uturere n'Umujyi wa Kigali gutegura inyigo ifasha gushyiraho banki izafasha abanyamuryango ba RALGA kongera ubushobozi bwabo.
3) Abanyamuryango ba RALGA biyemeje kwita cyane ku kibazo cyo kwihaza mu biribwa (food security-securité alimentaire).
4) RALGA igiye gukora ubuvugizi kugira ngo ikibazo cyo gusaranganya imishinga mu Turere twose n'Umujyi wa Kigali gishobore kwitabwaho.
5) Abanyamuryango ba RALGA biyemeje gushyira ingufu mu gufasha urubyiruko n'abagore kugira ngo bateze imbere imibereho myiza yabo.
6) Abanyamuryango ba RALGA biyemeje guteza imbere umuco w'ubufatanye hagati y'Uturere.
7) RALGA yiyemeje gusuzuma imikorere ya « Joint action forum » kugira ngo zigire akamaro zitezweho.
8) RALGA yiyemeje gukora ubushakashatsi ku bijyanye n'ingamba zafatwa mu guteza imbere amaterasi y'indinganire hagenwa gahunda yagenderwaho n'Uturere twose.
9) RALGA yiyemeje gukomeza kuba hafi y'Uturere n'Umujyi wa Kigali kugira ngo « urbanisation process – processus d'urbanisation » igende neza .
10) Abanyamuryango ba RALGA biyemeje gushyira mu bikorwa gahunda y'Ubudehe na HIMO
11) RALGA yiyemeje guhuza gahunda yayo n'ibyavuye mu nama y'Umushyikirano.

Inteko Rusange ya RALGA yashimiye ubutegetsi bwite bwa Leta kuba haremejwe itangwa ry'inyoroshyangendo ku bagize Komite Nyobozi n'abandi bayobozi b'inzego z'ibanze.

Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yashimiye ubushakashatsi ku bibazo by'Uturere n'Umujyi wa Kigali bwakozwe na RALGA inemeza raporo yayo.

Inteko Rusange ya RALGA yaboneyeho n'umwanya wo gushimira Guverinoma y'u Rwanda ubutwari bw'indashyikirwa yakoresheje mu guca umubano n'igihugu cy'Ubufaransa kuko ari ngombwa kwirinda no kwamagana uwo ari we wese wagaragaraho imigambi yo guhungabanya ubusugire bw'igihugu cyacu.

## 4. IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU, IMIYOBORERE MYIZA, AMAJYAMBERE RUSANGE N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Bwana Minisitiri wa MINALOC yatangiye yifuriza abari mu nama umwaka mwiza wa 2007, abifuriza ko waba umwaka w'imiyoborere myiza. Yasabye ko abanyamuryango ba RALGA bajya bigirira icyizere, kwigira ku byo bamaze kugeraho ubwabo, kandi bakajya bakorera ku ntego. Ni byiza ko abantu bitoza kwibonera ibisubizo ku bibazo bafite. Yasabye ko uyu mwaka waba umwaka w'umudugudu, bahindura ibitekerezo ku buryo bishakira ibisubizo mbere yo kurangamira ubutegetsi. Mu bigomba gukorwa, umutekano ugomba kuza mu by'ibanze, abayobozi bagahora baharanira kuwuteza imbere.

Abanyamuryango ba RALGA bamenyeshejwe ko umwaka wa 2007 ugomba kugaragaramo ko abaturage bafitiye icyizere ubuyobozi, ubwo buyobozi bukazirana na ruswa kandi bukarangwa no gukorera mu mucyo. Ibyo bakabigaragaza muri « accountability days ». Abanyamuryango ba RALGA bagomba kandi kurwanya amacakubiri aho ava akagera.
Bwana Minisitiri yamenyesheje abari mu nama ko MINALOC yatangije akanyamakuru kitwa ***Indashyikirwa*** kashinzwe kugaragaza ibyiza byagezweho mu Turere, anasaba ko RALGA yafata ako kanyamakuru ikakagira akayo. Yasabye abanyanuryango ba RALGA guha agaciro ibitekerezo biva mu muco nyarwanda ndetse bakabyubakiraho mu nzira y'iterambere.

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage yashoje yifuriza buri wese gukomeza imihigo yiyemeje.

Bikorewe i Kigali, ku wa 30 Ukuboza 2006.